

UBUHUNG BUTEKANYE

Nta muntu n'umwe ugomba kujugunya uruhinja. **Itegeko rigenga ubuhungiro butekanye rya Indiana** ryemerera umuntu gusiga uruhinja atifuza **mu buryo butagaragaza imyirondoro ye** kandi ntagire impungenge zo gutabwa muri yombi cyangwa gukurikiranwa n'amategeko.

Umubyeyi, umuryango, inshuti, umukozi w'Imana cyangwa umushumba w'itorero, umukozi ushinze imibereho myiza cyangwa undi muntu ubishinzwe ashobora kwikuraho ububasha bwo kurera umwana utarageze ku minsi 30 y'amavuko akabuha ...muri Indiana



IBITARO



UMUKOZI W'URWEGO NYUBAHIRIZATEGEKO



UMUGANGA



**USHINZWE KURWANYA INKONGI Y'UMURIRO CYANGWA MU
"IKARITO
YABUGENWE" IHEREREYE AHANTU KU ISHAMI RISHINZWE
KURWANYA INKONGI Y'UMURIRO**



UMUFOROMO



**UMUFASHA WO KWA
MUGANGA CYANGWA
UMUGANGA**



**CYANGWA UNDI MUNTU
UTANGA SERIVISI Z'UBUVUZI BWIHUTIRWA**

Mu gihe bigaragara ko nta hohoterwa rigambiriwe ryakorewe umwana, nta makuru y'umuntu wasize umwana asabwa. Niba uzi itariki y'amavuko, ubwoko, amateka y'ubuvuzi bw'umubyeyi, amateka y'ubuzima bw'umwana cyangwa ikindi kintu cyafasha urera umwana byaba ari ingenzi cyane (nk'ibijyanye n'amateka ya diyabete, Virusi itera SIDA cyangwa andi mateka y'ubuvuzi bw'umuryango).

ITEGEKO RISHYA

Kuva tariki ya 1 Nyakanga 2018, hatowe itegeko rishya rikubiyemo n'ibikoresho bibungabunga umutekano w'umwaka ukivuka. Kugira ngo wihugure birushijeho ku bikubiye muri iryo tegeko, wasura <https://tinyurl.com/mvktk9vx>. Izi ni zimwe mu ncamake:

- A** Bidasabye icyemezo cy'Urukiko, utanga serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa, ahabwa ububasha ku mwana utarengeje cyangwa ugaragara nk'utarengeje iminsi mirongo itatu (30) y'amavuko iyo umwana asigiwe utanga serivisi z'ubuvuzi n'umubyeyi w'uwo mwana ku bushake, mu gikoresho kibungabunga umutekano w'umwana ukivuka cyemejwe, cyangwa niba umubyeyi atagaragaje ubushake bwo kuzagaruka.
 - B** Utanga serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa uhawe ububasha ku mwana hakurikijwe ibivugwa muri iki gice akora ibikenewe byose kugira ngo arengere ubuzima cyangwa umutekano by'uwo mwana.
 - C** Umuntu wese, ku bw'ineza, usigiye utanga serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa umwana ku bushake cyangwa mu gikoresho kibungabunga umutekano w'umwana ukivuka cyemejwe, ntasabwa kugaragaza amazina y'uwo mubyeyi/muntu.
 - D** Ibitaro byemeza imikorere y'igikoresho kibungabunga umutekano w'umwana ukivuka, maze byujye ibisabwa, nta buryozwe bwo mu rwego mbonezamubano kubera gukora cyangwa kwirengagiza gukora ibyerekeranye n'imikorere y'igikoresho kibungabunga umutekano w'umwana ukivuka keretse iyo uko gukora cyangwa kwirengagiza gukora bigize uburangare bukomeye cyangwa ikosa ryakozwe ku bushake cyangwa mu buryo bw'uburangare bukabije.
 - E** Igikoresho kibungabunga umutekano w'umwana ukivuka kivugwa mu gaka (a)(1)(C) gishobora gukomeza gukora kitujuje ibisabwa bivugwa mu gaka (a)(1)(B).
- ICYITONDERWA:** Iyo Umwana asuzumwe agahabwa ubuvuzi (mu gihe bikenewe), Minisiteri ya Indiana ishinze serivisi zihabwa abana izafata ububasha ku mwana binyuze muri Serivisi zishinzwe kurengera abana maze ahabwe umurera.

Ibindi bisobanuro sura : www.nationalsafehavenalliance.org

ABO TURI BO

Prevent Child Abuse Indiana yiyemeje gukumira ihohoterwa rikorerwa abana no kubirengagiza. Mu kubikora, bituma tugira Indiana ahantu harushijeho gutekana, habereye abana bacu.



AMAKURU N'IMFASHANYIGISHO

Ababyeyi bashobora guhabwa ubujyanama ku buntu no kungurana ibitekerezo ku buryo bwose bujyanye n'uko bamereye bahamagaye **Umurongo utishyuzwa w'Ubuhungiro butekanya ukora ku rwego rw'igihugu 1-866-992-2291** cyangwa kuri interineti kuri www.SHBB.org. Bashobora no guhamagara 2-1-1 Umurongo utangirwaho imfashanyigisho cyangwa **988 Umurongo utishyuzwa w'ubuzima bwo mu mutwe**.



KUGARAGAZA AMAKURU Y'IHOHOTERWA RIKORERWA ABANA

Kugira ngo ugaragaze amakuru yerekeye ihohoterwa rikorerwa abana no kutabitaho, wahamagara **1.800.800.5556**



SHYIGIKIRA IBIKORWA BYACU

Shyigikira ibikorwa byacu muri Leta yose kugira ngo hakumirwe ihohoterwa rikorerwa abana no kutabitaho ugura Kids First License Plate. Sura BMV ikwegereye cyangwa usure www.in.gov/dcs/2456.htm ku bindi bisobanuro.